IJAMBO RYO GUSOZA AMAHUGURWA AGENEWE ABAHAGARARIYE ABANYESHURI BO MU MASHURI MAKURU N'AYISUMBUYE MU MUJYI WA KIGALI

KIGALI KU WA 01.04.2010

Banyeshuri muteraniye hano,

Nejejwe no kubashimira kuba mwitabiriye amahugurwa y'uyu munsi agenewe abahagarariye abanyeshuri bo mu Mashuri Yisumbuye n'Amakuru kugira ngo mufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi kurwanya no guhashya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Nizere ko amahugurwa yababereye ingirakamaro kuri mwe no ku Gihugu muri rusange, mukaba, nk'urubyiruko rufite imbaraga zo gukora, mujyanye ingamba zo gukorana n'Urwego rw'Umuvunyi mu rugamba rwo guhashya ruswa n'izindi ngeso mbi zose zishobora kubonera mu mashuri mwigamo.

Nk'uko mwabihuguriwe mu biganiro byatanzwe, Urwego rw'Umuvunyi rwiyemeje gushyira ingufu nyinshi mu guhuza urubyiruko kugira ngo rushyireho amahuriro yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ndongera kubasaba guhagurukira rimwe, mugahuza ingamba n'ibitekerezo, mukagira icyerekezo muha u Rwanda rwacu, rukaba Igihugu cyubahiriza uburenganzira bwa buri wese bitewe n'uko kitarangwamo akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza mwebwe Abanyeshuri bibumbiye muri Clubs zirwanya ruswa kuba intangarugero mu mashuri mwigamo ndetse no mu baturage bakikije amashuri yanyu.

Ingamba mwihaye mu biganiro mwakoze ni intango yo gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu, mwuzuza inshingano mufite kandi mushishikariza abanyeshuri bandi kuzuza

inshingano zabo cyane cyane izijyanye n'amasomo ababyeyi n'Igihugu bibategerejeho.

Muri gahunda y'uyu munsi, harimo no kwitorera abahagarariye abandi mu Mujyi wa Kigali. Ndashimira abatowe ko bagiye gufasha abandi mu rugamba rwo guhashya akarengane na ruswa kandi mbasaba ko bagaragaza ingufu z'urubyiruko (active youth).

Urwego rw'Umuvunyi rubijeje kubaba hafi mu bikorwa byanyu bigamije kurwanya izo ngeso mbi zose.

Mu gusoza iri jambo nagira ngo nongere mbashimire ko mwitabiriye aya mahugurwa, mukigoma umwanya wanyu kandi mbatume, mushimire ibigo byanyu byemeye kubohereza kuri uyu munsi. Ibiganiro mwahawe bizabafasha mu buzima bwanyu bwa buri munsi, bifashe Anti corruption Clubs zabohereje, abanyeshuri bagenzi banyu ndetse n'abaturanyi b'Ishuri.

Intego yacu twese ibe iyo « kubaka igihugu kitarangwamo akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo».

Murakoze !